

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2020, umunsi wa cumi na kane w'ukwezi kw'Ukuboza;

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **MUHAYIMANA Bernardin** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **TUYISHIMIRE Steven** mwene Barayavuga François na Mukankusi Immaculée wavutse kuwa..... ubarizwa mu Mudugudu wa Murama, Akagari ka Muhamba, Umurenge wa Gahara, Akarere Kirehe, Intara y' Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa n° **RP 00949/2019/TGI/NGOMA** bukurikanyeho **Tuyishimire Steven** icyaha cy'Ubushyamba, icyaha giteganywa kandi kigahanwa n'ingingo ya 138 y'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018, riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu; bikaza kugaragara ko atigeze abazwa na rimwe mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha nyuma yaho akorewe impapuro zimuhamagaza kwitaba ntabyubahirize;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **Tuyishimire Steven** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa **20/01/2021** saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

UMUCAMANZA

MUSABYIMANA Claudine



UMWANDITSI

MUHAYIMANA Bernardin

A handwritten signature in blue ink, appearing to read 'Bernardin Muhayimana', written over a horizontal line.